**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**

# IMPINE Y'INGENGO Y'IMARI N'IBIKORWA BY'INGENZI MU UMWAKA WA 2022-2023









**Kanama, 2022**

CLADHO

*INYANGAKUGOMA ZA MUSANZE: Ubumwe, Ubutwari, Umurimo Unoze*

unicef
for every child

**IJAMBO RY'IBANZE**



Nyangakugoma z'Akarere ka MUSANZE,

Mu izina ry'Ubuyobozi bw'Akarere ka MUSANZE no mu izina ryanjye bwite,

Twishimiye kubagezaho agatabo kazababafasha kumenya ingengo y'imari izashyirwa mu bikorwa mu Karere ka MUSANZE mu mwaka wa 2022/2023.

Intego y'aka gatabo ni ukugira ngo abaturage bamenye ingengo y'imari n'imihigo bizashyirwa mu bikorwa kugira ngo buri muturage ayigire iye ndeste afashe ubuyobozi kuyishyira mu bikorwa.

Kumenya ingengo y'imari n'imihigo bizatuma abaturage bamenya imisoro batanga uburyo ikoreshwa, babaze ubuyobozi inshingano (accountability) ndetse abaturage babe abafatanyabikorwa.

Sinarangiza ntashimiye abaturage b'Akarere ka MUSANZE ndetse n'abanyarwanda muri rusange uruhare bagira mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari no kwesa imihigo kimwe no mu iterambere ry'Igihugu cyacu.

Nizeye ntashidikanya ko muzagira uruhare rugaragara mu gufasha Ubuyobozi gushyira mu bikorwa imihigo igamije guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Turashimira byimazeyo abaturage, inzego za Leta, abikorera n'abafatanyabikorwa bose ku ruhare bagize mu gutegura ingengo y'imari n'imihigo by'umwaka wa 2022/2023 n'uruhare bakomeje kugira mu itarambere ry'Akarere ka Musanze mu kuzamura imibereho y'abaturage. Twizera tudashidikanya ko ubwo bufatanye buzarushaho kwiyongera.


Digitally signed by Musanze District(Mayor of the District)
Date: 2022.11.23 19:03:00 +02'00'

**RAMULI Janvier**
**Umuyobozi w'Akarere ka Musanze**

## 3. INTEGO Y’AKA GATABO

Intego y’aka gatabo ni ugufasha abaturage kumenya bimwe mu bikorwa by’Akarere bizakorwa byavuye mu bitekerezo batanze hategurwa ingengo y’imari ya 2022/2023 kugira ngo buri muturage amenye ibizamukorerwa, abigire ibye afashe ubuyobozi kubishyira mu bikorwa anamenye uruhare afite mu kubibungabunga.

## 4. IMITERERE Y’AKARERE KA MUSANZE




Imirenge : 15
Utugari : 68
Imidugudu : 432
Abaturage : 449,319
Abagabo : 224.248 (49,9%)
Abagore : 225.071 (50,1%)
Ubuso : 530,4 km2
Ubucucike : 770/km2

Pariki y'ibirunga: (60 km2)
Ikiyaga cya Ruhondo: (28 Km2)

### 4.1 ISHUSHO RUSANGE Y'AKARERE KA MUSANZE

Akarere ka Musanze ni kamwe mu Turere dutanu tugize Intara y'Amajyaruguru kashyizweho n'Itegeko N° 29/2005 ryo kuwa 23 Ukuboza 2005 rishyiraho kandi rigenga Inzego z'Imitegekere y'Igihugu.

Akarere ka Musanze gakomoka ku cyahoze ari Umujyi wa Ruhengeri, Akarere ka Mutobo, Akarere ka Kinigi, Igice cyahoze ari Akarere ka Bugarura n'igice cyahoze ari Akarere ka Bukamba.

Akarere ka Musanze gahana imbibi n'Akarere ka Nyabihu, Gakenke, Burera n'igihugu cya Congo,

Akarere ka Musanze kagizwe n'Imirenge 15, Utugari 68 n'Imidugudu 432 nk'uko bigaragazwa n'imbonerahamwe ikurikira :

| No | Imirenge | Utugari | Imidugudu |
|---|---|---|---|
| 1 | Busogo | 4 | 18 |
| 2 | Cyuve | 6 | 40 |
| 3 | Gacaca | 4 | 24 |
| 4 | Gashaki | 4 | 22 |
| 5 | Gataraga | 4 | 20 |
| 6 | Kimonyi | 4 | 19 |
| 7 | Kinigi | 5 | 41 |
| 8 | Muhoza | 4 | 26 |
| 9 | Muko | 4 | 30 |
| 10 | Musanze | 5 | 33 |
| 11 | Nkotsi | 5 | 28 |
| 12 | Nyange | 5 | 43 |
| 13 | Remera | 5 | 29 |
| 14 | Rwaza | 5 | 33 |
| 15 | Shingiro | 4 | 26 |
| **Total** | | **68** | **432** |


## 5. INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2022/2023

| INGENGO Y'IMARI | 2022/20223 | Ijanisha |
|---|---|---|
| I.Amafaranga azakoreshwa mu Ngengo y'Imari isanzwe | 19,955,678,015 | 49 |
| II.Amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari y'iterambere | 20,400,209,590 | 51 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA AZAKORESHWA** | **40,355,887,605** | **100%** |




### 5.1 INKOMOKO Y'INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2022/2023

| INKOMOKO Y'INGENGO Y'IMARI | 2022/2023 | Ijanisha |
|---|---:|---:|
| I. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE | 3,078,683,070.50 | 8 |
| II. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA | 14,791,379,683 | 36 |
| III. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA | 22,485,824,851 | 56 |
| **IGITERANYO CY'AMAFARANGA ATEGANYIJWE KWINJIRA** | **40,355,887,605** | **100%** |




### 5.2 INSHAMAKE Y'UKO INGENGO Y'IMARI IZAKORESHWA

| No | IBIKORWA | INGENGO Y'IMARI | IJANISHA % |
|---:|---|---:|---:|
| 1 | Ubutegetsi na servisi rusange | 3,646,462,531 | 9.04 |
| 2 | Imihanda | 8,438,088,513 | 20.91 |
| 3 | Amazi isuku n'isukura | 561,600,290 | 1.39 |
| 4 | Gufasha abatishoboye | 2,964,718,403 | 7.35 |
| 5 | Uburinganire | 1,925,037 | 0.00 |
| 6 | Imiyoborere myiza | 381,247,492 | 0.94 |
| 7 | Uburezi | 11,780,840,253 | 29.19 |
| 8 | Ubuzima | 3,851,605,640 | 9.54 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 9 | Urubyiruko siporo n'umucyo | 1,628,226,588 | 4.03 |
| 10 | Ishoramari n'amakoperative | 2,113,028,126 | 5.24 |
| 11 | Ubuhinzi n'ubworozi | 3,629,069,866 | 8.99 |
| 12 | Ibidukikije n'umutungo kamere | 1,013,074,866 | 2.51 |
| 13 | Amashanyarazi | 85,000,000 | 0.21 |
| 14 | Imiturire n'imicungire y'ubutaka | 261,000,000 | 0.65 |
| **IGITERANYO** | | **40,355,887,605** | **100** |

### 5.3 UKO INGENGO Y'IMARI INGANA MU MYAKA ITATU ISHIZE

| UMWAKA | IGITERANYO | | IGITERANYO |
|---|---|---|---|
| | I. Igengo y'Imari isanzwe | II. Ingengo y'imari y'iterambere | |
| **2019/2020** | 12,196,789,583 | 8,521,111,862 | **20,717,901,445** |
| **2020/2021** | 12,772,990,542 | 13,039,427,051 | **25,812,417,593** |
| **2021/2022** | 17,179,191,878 | 11,386,848,494 | **28,566,040,372** |
| **2022/2023** | 19,955,678,015 | 20,400,209,590 | **40,355,887,605** |

### 5.4 INKOMOKO Y'INGENGO Y'IMARI MU MYAKA ITATU ISHIZE

| INKOMOKO Y'INGENGO Y'IMARI | 2019/2020 | 2020/2021 | 2021/2022 |
|---|---|---|---|
| i. Amafaranga yinjizwa n'akarere | 2,669,694,862 | 2,978,675,071 | 3,078,683,071 |
| ii. Ankunga z'ubutegetsi bwite bwa leta | 13,850,859,457 | 14,808,344,696 | 18,194,707,087 |
| iii. Inkunga zikomoka mu nzego za leta | 4,197,347,126 | 8,025,397,826 | 7,292,658,214 |
| **IGITERANYO** | **20,717,901,445** | **25,812,417,593** | **28,566,048,372** |

## 6. IMISHINGA Y'INGENZI YAKOZWE MU KARERE KA MUSANZE MU MWAKA WA 2021/2022

| No | INYITO Y'UMUSHINGA | AMAFARANGA |
|---|---|---|
| 1 | Gusana imiyoboro y'amazi iri mu giturage ku 38 Km (Ryango/Kinigi, Kazibaziba/Rwaza-Nkotsi na Kanzo/Gashaki WSS) | 445,289,316 |
| 2 | Kubaka imihanda ya kaburimbo RUDP II Phase 3 mu mujyi wa Musanze | 20,924,756,700 |
| 3 | Kubaka Ruhurura RUDP II Phase 3 mu mujyi wa Musanze | 2,922,836,000 |
| 4 | Kubaka urwibutso rwa Genoside yakorewe abatutsi mu 1994 muri Muhoza | 781,004,255 |
| 5 | Kuvugurura ikigo cy'urubyiruko cya Musanze | 3,616,500,000 |
| 6 | Kuvugurura ibiro by'Akarere ka Musanze | 1,480,000,000 |
| 7 | Kuvugurura isoko ry'ibiribwa rya Musanze | 6,065,279,730 |

## 7. IMISHINGAY'INGENZI IZAKORWA MU KARERE KA MUSANZE MU MWAKA WA 2022/2023

Imishinga y'Akarere ka Musanze y'umwaka wa 2022/20223 igabanije ku buryo bukurikira:

| No | INYITO Y'UMUSHINGA | AMAFARANGA |
|---|---|---|
| 1 | Kubaka ibiraro (4) mu Karere ka Musanze | 490,279,540 |
| 2 | Kubaka umudugudu w'icyitegererezo w'ingo 60 | 443,309,342 |
| 3 | Kuvugurura Ikigo nderabuzima cya Kabere | 533,346,576 |
| 4 | Gukora amaterasi y'indinganire n'andi yikora | 727,703,213 |
| 5 | Kugura ibikoresho by'amavuriro | 75,000,000 |
| 6 | Gutanga akazi k'igihe gito ku bantu benshi binyuze muri Public Works (PW) ku bantu 6,000 bo mungo zikeneye akazi bakora isuku ku mihanda ifite uburebure 52.8 Km mu mihanda yo mu giturage | 770,617,860 |
| 7 | Gutanga imirimo itanga akazi ''EPW" mu mwaka no gutanga servisi ku miryango ikennye binyuze mu ngo mboneza mikurire " ECD" | 349,074,000 |
| 8 | Kubaka isoko ricirirtse mu nkengero z'Akarere ka Musanze | 949,662,368 |
| 9 | Gutanga imirimo itanga akazi ''EPW" mu mwaka ku miryango ikennye binyuze mu kubungabunga no guhanga imihanda y'itaka. | 625,612,500 |
| 10 | Kubaka no kwagura umuyoboro w'amazi ku birometero 8 km mu Kagari ka Cyanya, Umurenge wa Cyuve | 131,770,172 |
| 11 | Kubaka ibyumba by'amashuri 46 n'ubwiherero 108 mu Karere ka Musanze mu Mirenge ya Gacaca, Kimonyi, Musanze, Kinigi, Cyuve na Nkotsi | 555,500,000 |
| 12 | Gutanga ibiribwa ku nkunga y'ingoboka | 342,364,567 |
| 13 | Inkongoro y'umwana (Umushinga w'igikombe cy'amata kuri buri mwana)One Cup of milk per child project | 67,893,467 |
| 14 | Amahirwe yo kubaho atangwa mumiryango ikennye kandi itishoboye | 112,939,910 |
| 15 | Imishinga y'ingo n'UBUDEHE | 80,000,000 |
| 16 | Gusana Km 38 z'amazi mu cyaro mu Karere ka Musanze (Ryango / Kinigi, Kazibaziba / Rwaza-Nkotsi na Kanzo / Gashaki WSS) | 445,289,316 |
| 17 | Kubaka umuhanda wa kaburimbo ku mushinga wa RUDP II Icyiciro cya 3 mu mujyi wa Musanze | 20,924,756,700 |

| | | |
|---|---|---|
| 18 | Kubaka ruhurura ku mushinga wa RUDP II Icyiciro cya 3 mu mujyi wa Musanze | 2,922,836,000 |
| 19 | Kubaka urwibutso rwa Muhoza rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 | 781,004,255 |
| 20 | Kuvugurura ikigo cy'urubyiruko cya Musanze | 3,616,500,000 |
| 21 | Kuvugurura ibiro by' Akarere ka Musanze | 1,480,000,000 |
| 22 | Kuvugurura isoko ry'ibicuruzwa by'ubuhinzi, umushinga wo guhunika cyangwa kubika ibiribwa, hamwe n'ubworozi bw'inkoko bugezweho mu mujyi wa Musanze | 6,065,279,730 |

## 8. AMAHIRWE ABONEKA MU KARERE KA MUSANZE

### 8.1 IBIMERA N'INYAMASWA

Akarere ka Musanze gafite amashyamba ya cyimeza agizwe na Parike y'Ibirunga n'agashyamba ka Nkotsi na Bikara. Aya mashyamba cyimeza, niyo atuma Akarere ka Musanze gahora karangwa n'amahumbezi abereye ubuzima kubera ko ayo mashyamba yiganjemo imigano. Na none Akarere ka Musanze gafite amashyamba y'amaterano agizwe ahanini n'inturusu n'ibiti ndumburabutaka n'iby'imbuto ziribwa.

Ku bijyanye n'ubwoko bw'inyamaswa, uhasanga inyamaswa nyinshi ziganjemo Ingangi, imbogo, inyoni, inkima n'inkende, impongo….. zo mu misozi miremire zikurura ba Mukerarugendo binjiza Amadevize atubutse buri mwaka.

### 8.2 UBUHINZI, UBWOROZI N'UMUTUNGO KAMERE

**Ubuhinzi**

Guhuza ubutaka ku bihingwa byatoranijwe (land use consolidation)

Gahunda yo guhuza ubutaka yakomeje kwitabwaho habungwabungwa sites z'ubuhinzi 677 zisanzwe zifashishwa muri gahunda yo guhuza ubutaka, abahinzi bakangurirwa guhinga ibihingwa byatoranijwe hakoreshwa inyongeramusaruro za ngombwa kugira ngo umusaruro ukomeze kwiyongera.

*Ibirayi mu Murenge wa Nyange*

Umurima w'Ingano

Umurima w'Ibigori

**Ubuhinzi bw'ibireti**

Ibireti bifitiye akamaro kanini igihugu cyane cyane umushongi wabyo uvamo imiti. Umusaruro wagiye uzamuka mu myaka 4 ishize.



*Umurima uhinzemo ibireti mu Murenge wa Kinigi*

**Inganda zitunganya umusaruro w'ibikomoka k'ubuhinzi n'ubworozi**
Mu rwego rwo kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi, ba rwiyemezamirimo batandukanyebamaze gutangiza inganda 11 .

**Ishoramari ku bishyize hamwe**
Abacurizi n’abandi baturage bishyize hamwe bubaka isoko rya kijyambere rya Musanze rizwi ku izina rya GOICO PLAZA mu kibanza bahawe n’Akarere.



**Umujyi wavuguruwe ku kigero cya 61%**
Mu rwego rwo guteza imbere ubukerarugendo, kongera ibikorwa remezo no kunoza isuku, umujyiwa Musanze icyiciro cya 1 uri kuvugururwa ku buryo bushimishije kandi bunogeye ijisho.

**Amafoto ku mazu amwe namwe arimo kuvugururwa n'ayuzuye**



**Ubukerarugendo**

**Pariki y'Ibirunga**

Kuva hajyaho Pariki y'ibirunga abakerarugendo bakomeje kuba benshi cyane cyane bibanda mu gusura ingagi zo mu Birunga.


Ingagi mu birunga


Abagiye gusura ingagi

Ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye Akarere katangiye kureba uburyo ba mukerarugendo bajya batinda mu Karere basura n'ibindi bikorwa nk'Ubuvumo bwa Musanze, Ibiyaga bya Burera na Ruhondo.

**Ubukerarugendo bushingiye ku mahoteri**

Hubatswe Amahoteli agezweho hirya no hino mu Karere nka Bisate Lodge, Singita & KatazaHouse, One and only, Classic Hotel, Fatima Hotel n'izindi.



*Bisate Lodge*



*Fatima Hotel*

**Guteza imbere abikorera no guhanga umurimo**

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere abikorera no guteza imbere umurimo Akarere ka Musanze kubatse Agakiriro kagezweho ku nkunga ya LODA/ENABEL. Aka gakiriro kuzuye gatwaye ingengo y'imari ingana na Frw **1.116.166.551.**







**IDP Modal ya Kinigi**

## 9. IBIPIMO BY'INGENZI BIGARAGAZA UKO AKARERE GAHAGAZE

Mu buvuzi Akarere ka Musanze gafite:

| No | Inyito | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Ibitaro by'icyitegerezo bya Ruhengeri: | 1 |
| 2 | Ibigo nderabuzima | 17 |
| 3 | Amavuriro y'Ibanze (Poste de Sante) | 35 |

Ijanisha k'urupfu rw'ababyeyi mu gihe cyo kubyara no kuvuka

| No | Inyito | Umubare |
|---|---|---|
| 4 | Ijanisha ry'ababyeyi bapfa babyara | 57.3/100,000 |
| 5 | Ijanisha ry'abana bapfa bavuka | 4/1,000 |

Ibipimo ku mirire mibi:

| No | Inyito | Umubare |
|---|---|---|
| 1 | Abana bari mu mutuku 15/51,083 | 0.03% |
| 2 | Abana bari mu muhondo 70/51,083 | 0.14% |
| 3 | Abana bafite ibiro bikwiye 49,954/51,038 | 97.8% |
| 4 | Abana bagwingiye | 45% |

Ibigo by'amashuri:

| No | ISHURI | UMUBARE |
|---|---|---|
| 1 | Amashuri abanza | 111 |
| 2 | Amashuri yisumbuye | 62 |
| 3 | Amashuri y'inshuke | 159 |
| 4 | Amasomero | 126 |
| 5 | Amashuri ya kaminuza | 4 |

## 10. UBURYO BUZIFASHISHWA MUKUGEZA AKA GATABO KU BATURAGE

- Website y'Akarere: www.musanze.gov.rw
- Radio
- Inama zitandukanye z'abayobozi
- Inteko z'abaturage
- Kubigeza ku bakuru b'imidugudu